Repubulika y'u Rwanda

Minisiteri y'Imari
n'Igenamigambi

# IBY'INGENZI KURI POLITIKI Y'IMISORO IVUGURUYE

11 Gashyantare 2025

U Rwanda rwateye intambwe ishimishije mu myaka 30 ishize bishingiye ku bushobozi bwubatswe mu mikoro yaturutse imbere mu gihugu no hanze yaho
U Rwanda ruzakomeza kuzamura ubukungu no guteza imbere imibereho myiza y'Abanyarwanda, binyuze mu kongera ubushobozi bwo gushyira mu bikorwa Gahunda ya 2 y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere (NST2).

**Ingamba zivuguruye za Politiki y'Imisoro zigamije ibi bikurikira:**

- Kongera umubare w'abasora n'imisoro yinjizwa mu kigega cya Leta hamwe no kunoza uburyo bwo gukusanya imisoro.
- Kongera ubudahangarwa bw'ubukungu no guteza imbere ukwigira
- Korohereza abasora no kubafasha kugera ku nshingano zabo

## Impinduka z'ingenzi mu mwaka w'ingego y' Imari 2024/25

- **Umusoro kubikoresho byifashishwa mu kwisiga, kwitera no kongera ubwiza (15%):** Hashyizweho umusoro wa 15% kubikoresho byifashishwa mu kwisiga, kwitera no kongera ubwiza. Bimwe muri ibi bikoresho byifashishwa mu rwego rw'Ubuvuzi izakomeza gusonerwa kubufatanye na Ministeri y'Ubuzima
- **Amahoro yo kwandikisha ibinyabiziga:** Aya mahoro azongerwa ku modoka zose harimo izitumizwa mu mahanga n'izikorerwa mu Rwanda
- **Amahoro yo gusana imihanda (fuel levy):** Azahindurwa ave ku giciro gisanzwe cya Frw 115 ashyirwe kuri 15% by'igiciro ugejeje ku cyambu (CIF)
- **Umusoro ku nyungu (TVA) kuri terefoni zigendanwa:** Telefoni zigendanwa zakuriweho uyu musoro kuva mu mwaka wa 2010, bikaba byaragize uruhare mu korohereza abantu kuzitunga no kongera ikoreshwa ry'ikoranabuhanga muri rusange. Leta izakomeza gukorana n'abafatanyabikorwa mu guteza imbere ikoreshwa rya Telefoni zigezweho (Smart phone) n'ikoranabuhanga rijyanye nazo.
- **Umusoro ku Nyongeragaciro (VAT) ku bikoresho by'ikoranabuhanga (ICT equipments).** Kuva mu mwaka wa 2012, ibi bikoresho byari bisonewe uyu musoro mu rwego rwo guteza imbere ikoranabuhanga, kubufatanye na Ministeri y'Íkoranabuhanga ibikoresho by'ingenzi bizakomeza gusonerwa.

- **Umusoro mbumbe ku mafaranga yinjizwa mu mikino y’amahirwe (GGR):** Uzava kuri 13% ugere kuri 40%, hazanasoreshwa ibihembo bivuye kuri 15% ugere kuri 25%

- **Amahoro ku bukerarugendo:** Hazashyirwaho 3% azongerwa ku giciro cy’icyumba hagamijwe guteza imbere urwego rw’ubukerarugendo

- **Umusoro ku modoka zimberabyombi (hybrid vehicle):** Hagamijwe guteza imbere ubwikorezi butangiza ibidukikije no kugabanya imyuka ihumanya ikirere, izi modoka zizakomeza gusonerwa umusoro wa Gasutamo (25%). Hagamijwe na none ko hatumizwa bene izi modoka zidakuze cyane, zizajya zisoreshwa umusoro kubyaguzwe mu buryo bunyuranye hagendewe ku myaka yazo.

  Iziri munsi y’imyaka 3 zizasora 5%, izo hagati y’ïmyaka 4 kugeza kuri 7 zizasora 10% mu gihe izifite kuva ku myaka 8 gusubiza hejuru zizasora 15%. Umusoro ku Nyongeragaciro uzasubizwaho hamwe n’umusoro ufatirwa (5%). Imodoka zikoresha amashanyarazi zizakomeza gusonerwa. Ibi bizatangira gukurikizwa mu mwaka w’Ingengo y’Imari wa 2025/26.

**Hakozwe kandi amavugurura ku musoro kubyaguzwe (excise duty) ku buryo bukurikira:**

- **Umusoro ku itabi ry’amasegereti :** Uyu musoro uzava ku Frw 130 ugere kuri Frw 230 ku ipaki y’itabi hongerweho 36% ku itabi rigurishwa ukwaryo (retail price).

- **Umusoro ku binyobwa bisindisha:** Uzava kuri 60% ugere kuri 65% ku giciro cy’uruganda.

- **Umusoro ku makarita yo guhamagara (Excise tax on airtime)** uzava ku 10% muri 2024/25 ugere kuri 15% mu myaka itatu iri imbere.

## INGAMBA Z’INYONGERA ZIJYANYE NA POLITIKE Y’IMISORO

Hemejwe kandi izindi ngamba z’inyongera mu nzego zitandukanye harimo izijyanye na serivisi z’imari, ubwikorezi, n’ikoranabuhanga. Ibi bizashyirwa mu bikorwa mu mwaka w’ingengo y’imari wa 2025/26 no mu gihe giciriritse. Muri iyi misoro harimo amahoro kuri purasitiki zitumizwa hanze mu rwego rwo kurengera ibidukikije, umusoro ku Nyongeragaciro kubikomoka kuri Peteroli, serivisi z’imari na serivisi z’ubwikorezi bw ’ibicuruzwa n’izindi.
Leta izakomeza ubukangurambaga bugamije gusobanurira neza abasora izi ngamba no kuborohereza kubahiriza ibisabwa. Ibi bizadufasha kugera ku iterambere twifuza.